


~~D~~ → Je général pour
appréciation
(suite à votre demande)

Personnellement, je trouve
que le seul résumé ou
suffit pas

Obs


DF
→ (NGIRAWONSANGA E.)

En fait, le résumé du document
n'est pas l'élément essentiel de
l'analyse de l'étude.

Les avis devraient porter plutôt sur
ce qu'il faut faire pour améliorer

le document en faisant
des propositions concises de pédagogie

 DOS

pour transmission au P.G.S

~~Amey~~ le 5.8.86

INYANDIKO-MVUGO Y'IGITABO UBUMENYI-NGANDURAMBAGA
MU MASHYIRAHAMWE.

CYANDITSWE NA Hubert BIGARUKA

Uwanditse iki gitabo yavuze ko yacyanditse afite umugambi wo gufasha abiyemeje cyangwa abaziyemeza gukorera hamwe.

Avuga ko muli iki gitabo habonekamo amagambo y'amahimbano ataboneka murutonde rw'ikinyarwanda, hakaboneka mo imihino y'imibale hamwe n'iy'amategeko, avugako yanditse bike kandi byoroshye. Mu ntangiriro yerekanye ko ubufatanye atarubwanone, ko ba Sogokuruza bahoze bakorera hamwe mu milimo umuntu umwe atishoboreye. Intego ya mbere y'abanyamulyango n'uguhuza ibitekerezo. Mu ntangiriro yerekanye kandi ibiboneka muli iki gitabo alibyo: umugandurambaga, ubudohoke bw'abanyamulyango, n'ishyirahamwe, umuhati w'abanyamulyango, n'amashyirahamwe, hakabonekamo imbonerohamwe y'ifashishwa mubyereke ye ibyo yise ijanisha lya kituwalizasiyo n'ibisobanuro ku mahinategeko n'amahame.

- Mu igika cya mbere yatangiye yerekana ko ubuzima by'ishyirahamwe bushobora kuba bwiza cyangwa bubwiye, ariko abanyamulyango bo bakababifuzaga ko ishyirahamwe lyabo lyaba lyiza, niyo mpamvu bagomba guharanira icyatuma ritungana, kugira ngo ritungane bagomba kuba iteganyacyerekeze ni iteganyabikorwa. Mu kubiteganya bakifashisha umuhamya w'ubusiganuzi, uw'ubushakiranganze, uw'ubugenzuzi n'ubuterankunga.

- Kugira ngo iteganya cyerekeze litegurwe neza bagomba guhera ku ishishikaza y'ishyirahamwe. Yerekanye ko iteganyacyerekeze ligomba kugirana isano n'ibikorwa muli make: ubuzima bwiza bw'ishyirahamwe iteganyacyerekeze lifututse n'ibikorwa biboneye.

- Yerenyeko igihe ishyirahamwe lidafite abanyamulyango bujijutse mugutegura igenacyerekeze bifashisha impuguke, yerekana ko inshishikaza zitagomba kuba nyinshi kuko iyo zibaye nyinshi ishyirahamwe ntacyo rigeraho.

- Yerekanye ko iyo bamaze gutegura iteganyacyerekeze bahita bategura iteganyabikorwa, muteganyabikorwa bategura ibikorwa bihita bikorwa n'ibizakorwa mugihe kizaza (imishinga); yerekanako muli gikorwa kigira inyandiko yacyo, mushobora ly'imali. Yerekana ko agaciro k'amafaranga gahinduka uko ibihe bigenda byiyongera. Bityo mubyo yise ijanisha ly'akituwalizasiyo yerekana uko bashaka agaciro k'amafaranga uko imyaka igenda yiyongera.

- Mu igenwa ly'imilimo yerekanye ko imilimo ifitanye isano ishyirwa hamwe. Yerekana ko habaho imenyerezwa ly'imilimo kandi ntihabeho ihindurwa ly'imilimo kuko bituma habaho imenyerezwa ridashira, bityo imilimo igapfa. Yerekana ko abanyamulyango bagomba guhugurwa. Abanyamulyango bagomba gukorera mu matsinda. Afite imilimo ifitanye isano agashira hamwe akarema urugingo. Ingingo naze zikarema amashami, amashami akarema ishyirahamwe lyose.

.../...

- Muhuza ly'imilimo yerekanye ko iyo abantu bakorera hamwe atarikimwe niyo umuntu akora wenyine, iyo bakora aribenshi rero hagomba ubwumvikane, umushyikirane n'umugambi wo gutunganya umulimo bashinzwe. Muhuza ly'imilimo hagomba amabwiriza yanditswe agaturuka mu nzege zo hejuru, hakaba na za raporo zituruka mu nzege zo hasi. Yerekanye ko mubikorwa habamo ibyo yise inshangiza milimo. Muhuza ly'imilimo yerekanye uko icyemezo kigomba gufatwa kuko iyo gifashwe nabi byatuma imilimo ihagarara, naho iyo icyemezo gifashwe neza ihuza ly'imilimo ligenda neza.

- Mu igika cya kabili yatangiye yerekana umugandurambaga uwariwe, ko arumuntu ugomba kugira icyo ahindura mu miterere y'amatsinda y'abantu akoresheje amanama, asura abanyamulyango, yerekanye ko umugandurambaga agomba kwimenya ubwe, akagira n'ubumenyi buhagije. Ntahindagurika kubitekerezo, akabafite kumenya kugenzura no gusesengura. Abazi gutegura inama kandi inama yarangira agakora inyandiko-mvugo na raporo.

- Mubudohoke yerekanye impamvu zitera ubudohoke:

- Ishyirahamwe ridafite icyerekezo gihanye
- Iyo ibikorwa bitaboneye
- Amatiku mu banyamulyango
- Abarwanya ishyirahamwe nabo batuma lidohoka.

Yerekanye uko bashaka akaranga budohoke, akoresheje ihinamibale. Akaranga budohoke rere akaba arumubale werekana uko abanyamulyango cyangwa se ishyirahamwe lyadohotse kuntego yalyo.

- Mugice cy'umuhati yerekanye ko amashyirahamwe abura umuhati cyangwa se akagira umuhati, yerekanye rero uko bashaka akaranga muhati k'ishyirahamwe akoresheje ihina mibale. Akaranga muhati akaba arumubale werekana uko ishyirahamwe lyagize umuhati cyangwa lyawubuze. Kandi kubyerekana neza yagiye yifashisha ibishushanyo.

- Uwanditse iki gitabo yerekanye isesengura ly'igituma umuhati ugabanuka, mulilyo sesengura rero yifashishije amahinategeko na mahina mibale. Yerekanye amahame cyenda mulilyo sesengura. Bityo yagiye yerekana nuko bashaka ibyo yise za Kowefisiya. Za Kowefisiya rero akaba ahinamibale) ari imibale ituma babona ubugabanuke cyangwa ubwiyongere bw'abanyamulyango.

- Mu mwanzuro, yerekanye ko umulyango icyangombwa mbere na mbere ukora ar'amategeko agenga umulyango, iteganyacyerekezo, n'iteganyabikorwa. Yerekana ko hagomba gushyirwaho inzego zihatira gutunganya imilimo. Umugandurambaga nawe agomba kugandura amashyirahamwe n'abanyamulyango abagira inama, yerekana ko arumutegetsu ahubwo ko (ar'umugishanama) arumugishanama. Agomba guhora yihugura. Mukugandura areba umuhati w'ishyirahamwe, akiga n'ubudohoke.

- M'umugereka yashyizemo inyongera eshatu, munyongera ya mbere yerekanye imbonera hamwe yuko bashaka agaciro k'ubu k'amafaranga, yifashishije ihina mibale.

- Munyongera ya kabili yerekanye uko bashaka umubare w'imishinga igomba gukorwaho n'akamenyetso k'ubudohoke bw'abanyamulyango.

Munyongera ya gatatu, yerekanye uko bashaka ishingiro ly'amahame n'umuhati n'uko bashaka za Kowefisiya z'ubwiyongere cyangwa se ubugabanuke bw'abanyamulyango.

- Yerekanye kandi ibitabo yifashishije, arangiza ashimira abamufashije kugira ngo agere kuntego y'ubushakashatsi bwe.

- Uwanditse iki gitabo rero mu igika cya mbere yatanze amabwiriza meza ashobora gufasha abanyamulyango n'amashyirahamwe. Naho mu igika cya kabiri aho yerekanye amahina mibale yifashishwa mu gushaka ubudohoke n'umuhati w'abanyamulyango n'amashyirahamwe, kugira ngo amahina mibale ye asobanuke neza iyo yifashisha ingero zigaragara (exemples concrets) byarikurushaho kuba byiza no kumvikana. Halimo n'ibishushanyo yifashishije bidasobanutse neza nko igishushanyo yise imboneza-muhati.

- Muri rusange rero ndabona uyu mwanditsi yarakoze neza, cyane cyane mu igika cya mbere, naho mu igika cya kabiri, amahina mibale yakoresheje ntabwo ashobora guhita yumvikana neza, ashobora gusomanwa ubuhanga n'ubwitonzi. Kandi ntakigaragaza ko umuntu akoresheje ayo mahina mibale, agomba kugera kucyo yashatse ko kigerwaho kuko ntangere zigaragara yatanze. Abagandurambaga rero kugira ngo bifashishe iki gitabo ibyiza nuko babanza bagahugurwa kuko kumva amahina mibale ya koresheje biteroshye.

Bikorewe i Kigali

NGIRUWONSANGA Eliphaz.

